

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME  
MU BIRORI BYO GUTAHA KU MUGARAGARO 'IMPINGANZIMA  
HOSTEL'.**

**AKARERE KA BUGESERA**

**Umurenge wa Nyamata, ku wa 3 Nyakanga 2018**

**Babyeyi Bacu,**

**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**

**Ntumwa za Rubanda,**

**Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba,**

**Abahagarariye Ingabo na Police,**

**Umuyobozi w'Akarere ka Bugesera,**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG,**

**Banyamuryango ba AVEGA,**

**Baturage b'Akarere ka Bugesera by'umwihariko abatuye**

**Umurenge wa Nyamata,**

**Muraho neza!**

Nejewe no kwifatanya namwe, muri ibi birori byo gutaha ku mugaragaro iyi nyubako igiye gutuzwamo **“Intwaza”**. Uyu ni umuco dusanganywe wo kuremera abanyamuryango ba AVEGA, ngo aba Babyeyi bacu tubatuze heza, bityo bazagire amasaziro meza.

Nk'Abanyarwanda ndetse n'inshuti zacu, iki ni igihe kitatworohera kubera amateka yacu aremereye, akaba atugiraho ingaruka tugihangana nazo, n'uyu munsu nyuma y'imyaka 24.

Imwe muri izo ngaruka ni ukuba abenshi mu barokotse bari abapfakazi, abandi bari abana bakiri bato cyane. Aba Babyeyi

byabasabye kwirengagiza ibikomere bari bafite, bishakamo imbaraga no gukomera byatubereye twese, isoko y'ishyaka ridutera guharanira ko nta Munyarwanda wamburwa uburenganzira bwe ku mpamvu iyo ariyo yose.

Mboneyeho umwanya wo kongera kubwira aba Babyeyi bacu nti:  
***'Mukomere kandi mukomeze gutwaza!'***

***Dutewe Ishema no kwitwa abana banyu, kandi tuzakomeza kuvoma imbaraga mu kwihangana n'ubugwaneza muhorana.***

Nitegereje abantu bose baje kwifatanya natwe mu birori byo gutaha uru rugo, nkabihuza n'iminsi ijana tumaze twibuka, tunaha icyubahiro abacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi, ndahamya ko intego twihaye yo *'Kwibuka Twiyubaka'* igenda igerwaho.

Babyeyi bacu rero, tubifuriye kugubwa neza muri uru rugo  
***'Impinganzima Hostel'***.

**Batumirwa mwaje kwifatanya natwe,**

Kuva iyi gahunda yo kuremera abanyamuryango ba AVEGA yatangira, tumaze gutuza ababyeyi basaga ijana na mirongo itatu na bane (**134**), batuye mu ngo zitandukanye mu gihugu cyacu kandi babayeho neza.

Mumfashe dushimire Leta yacu ikomeza guharanaira ko aba Babyeyi bacu nabo bagerwaho na gahunda zitandukanye za Leta zigamije iterambere ry'Abanyarwanda muri rusange, ibinyujije

mu kigege FARG, Unity Club, AVEGA Agahozo, n'abafatanyabikorwa bayo barimo BRD n'abandi.

Nubakiye ku mpanuro duhora duhabwa n'Umuyobozi Mukuru w'Igihugu cyacu, nagira ngo twibukiranye ko n'ubwo urugamba rwo kwibohora rwarangiye, hakiri byinshi dukwiye kwitaho, buri wese mu mbaraga n'ubumenyi afite, kugira ngo tubashe kubaka u *Rwanda Twifuza* koko.

Muri uku kwezi kandi turibuka kandi tukizihiza – '**Bato batari Gito**' Inkotanyi, bahagaritse Jenoside bakabohora igihugu cyacu. Kimwe n'abacu twibuka bazize jenoside, ubuto n'ubutwari bwabo bituma twibuka iteka ko tugomba guharanira u Rwanda ruzima, ruzira kuzima.

Dukomeze rero gutekereza n'ibindi bikibangamira imibereho myiza y'Umunyarwanda muri rusange, twishakemo ibisubizo birambye.

Iyi gahunda yo kuremera aba Babyeyi n'ibindi byiciro by'Abanyarwanda batishoboye muri rusange, ni imwe mu nkingi zizadufasha gukomeza kubaka umuryango nyarwanda uboneye.

### **Banyamuryango ba AVEGA,**

Ntitwashimira ababohoye u Rwanda, ngo twibagirwe gushimira abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umurava muhorana, uko murushaho kwiteza imbere no guhuza imbaraga mu bikorwa bitanga ihumire ku Banyarwanda, biduha icyizere ko ejo h'u Rwanda ari heza.

**Baturage b'Umurenge wa Nyamata,**

Uru rugo twatashye uyu munsi, ruje rubasanga, aba bashyitsi muzabagire abasangwa! Muzababere umuryango, mukomeze kubereka urukundo, nk'uko umuco wacu ubidutoza.

**Bayobozi mu nzego zitandukanye turi kumwe uyu munsi,**

Nagira ngo namwe mbashimire ishyaka mudahwema kugaragaza mu kwita ku mibereho myiza y'aba Babyeyi n'abanyarwanda muri rusange.

Turabashimira kandi ubufasha bwanyu mu gikorwa cyo kugenzura umubare w' aba Babyeyi mu gihe cyo kubatuza, hakurikijwe umwihariko w'ibyo buri wese akeneye.

Nubwo ibyo twishimira ari byinshi, nagira ngo mbasabe mukomeze ubuvugizi mukorera abarokotse Jenocide yakorewe Abatutsi, harimo no gukomeza gukangurira Abanyarwanda kubana mu bumwe n'ubwiyunge muri rusange.

Twongere dushyire imbaraga mu gukangurira abo tuyobora gutanga amakuru y'ahaba hari imibiri y'abacu itarashyingurwa mu cyubahiro.

Ibi ndabivugira ko tumaze iminsi twumva ahabonetse imibiri irenga 500 icyarimwe, nyamara hari abaturanyi bashoboraga kuba baraherekanye hakiri kare.

Guhuriza hamwe imbaraga, ni bwo buryo bwonyine bushobora kudufasha kugera ku bikorwa by'iterambere nk'ibi.

Nagira ngo mbasabe kandi ko twakongera gutekereza ku cyo twakora, ngo abo twimura tubamare impungenge, bature batekanye. Abenshi muri aba Babyeyi, bahangayikishijwe nuko ntawe bafite basiga aho bari batuye, wita ku mitungo mike **baasigaranye**.

Dutekereze uburyo izi mpungenge twazibamara, hashyirwaho urwego ruhuza abafatanyabikorwa batandukanye basanzwe babitaho. Uru rwego rwadufasha gukurikirana iyo mitungo, ngo itangirika cyangwa igakoreshwa nabi n'abahoze ari abaturanyi babo.

Munyemerere nsoze, nongera gushimira abafatanyabikorwa bose, bagize uruhare kugirango urugo rwiza nk'uru ruboneke.

Dushimire by'umwihariko abagize Ingabo z'igihugu cyacu, biyemeje guhora badufasha mu bikorwa byo kubaka no guteza imbere igihugu cyacu.

Turashimira kandi ikigega FARG na AVEGA badufasha gukurikirana imibereho y'abatuye muri izi ngo, ndetse na bamwe mu bikorera bagiye badufasha kubaka izindi ngo nk'izi, mu tundi turere tw'igihugu..

Mwarakoze, gusubiza icyubahiro n'**Agaciro** aba Babyeyi.

Mbifurije kuzagira umunsi mwiza wo ***Kwibohora***.

Mugire Amahoro!